Kampirwa Bmmeranle

_ikimamico

1885

M
220

# IKINAMICO

## HAHIRWA ABAKULIKIZA AMATEGEKO ABAGENGA

### ABAKINNYI

1.- KANYARWANDA akaba umuhinzi mwene KAYIHURA

2.- MARIYA umugore we nawe akaba umuhinzikazi

3.- Abana babo batatu : - KAGOYIRE Umunyeshuli

- KAYITESI Umunyeshuli
- GAHUNGU Akora akazi koroheje i BUJUMBURA

4.- MUJYAMBERE agronome

5.- Ansila umugore we

6.- Odeta Umukobwa wabo akaba arangije Familiyare i KIGALI

7.- MARITA Umwana w'imfubyi akaba abana na Mukase

8.- Bourgmestre

9.- Kabunga umuhungu uvuye i BUGANDE

10.- Kontabure : Umukozi wa Komine

11.- Umuyobozi wa Koperative

---

## HAHIRWA ABAKULIKIZA AMATEGEKO ABAGENGA

### Igice cya mbere

Uyu mukino urabera mu rugo kwa KANYARWANDA, KANYARWANDA yali yagiye kugura akagwa aratinda kandi imvura irenda kugwa.

MARIYA (alimo alibaza)

Yewe reka njye kugalira, natinda ndakingira aho kugirango irembo lirare litugaliye cyangwa ngo nugalire imvura inyagira, nduzi ko we atali bubikore.

KANYARWANDA (Akomange)

Hodi ! Hodi !

MARIYA

Ni karibu

KANYARWANDA

Mbese mwiliwe Mari;;;

MARIYA

Mwiliweho

KANYARWANDA

Mwiliwe namwe bana

KAYITESI na KAGOYIRE

Mwiliwe Papa

(Kanyarwanda yicare kandi yiruhutse)

KANYARWANDA Ahuuu ! Nje nirukanka ntanguranwa n'imvura none ndananiwe

MARIYA

Ese mwugaliye irembo ?

KANYARWANDA

Mbonye ndijishe aliko imirabyo yali impitanye

KAYITESI

Papa, muzi ko Mwalimu yadutumye umwenda w'ishuli mushya n'amafranga y'umusanzu ?

KANYARWANDA (Arakaye)

Yewe dore igihe nayatangiye maze no kurambirwa, amafranga mpora ntanga buli gihe kuli mweeee ! Ko nta mwana urampa n'icumi lyo kugura itabi, ubunako nzishingira abana gusaaaa ayo natanze kuli Musaza wawe si make, none nkaba naramuburanye nayo kandi ntamuhambye, uwo murengwe wanyu muwumvane ahongaho, ejobundi si ho naguhaga ijana lyo gutanga !

.../...

Ubu se kandi umwaka urashize umwenda w'ishuli wo si juru, singirango se yo urayifite nako si ukugirango mbona uyijyana.

KAYITESI

Ahaaaaa ! Nababwiraga ibyo Mwalimu yantumye, niba yabintumye aruzi ko ntabikeneye ibyo ni bye, aliko se mwe uko mureba, mubona ko umuntu yaguma mu kenda kamwe gusa kandi wenyine mw'ishuli iwabo batabuze amafranga akabona agasabune kawumesa barwanye nkubwo ubuzima ni ubuhe ?

KANYARWANDA (Aracyarakaye)

Hora wa mwana we horaho, dore ko mwigize abategetsi mugashaka kudufata ijosi
Ubwo uzi neza ko nta rutugu rukura ngo rusumbe ijosi ? Kuva ubu niba utakwemera ko ngutegeka ntawundi uzagutegeka kuko amategeko yose ukulikiza uyakura mu rugo rwanjye, umunsi uzaba waruvuyemo ukajya kuba ahandi ntazi uzaba utandukanye n'abantu ufate imibereho y'inyamaswa.

MARIYA

Aliko se ko mumurenganya, uzafata umujinya wuko Gahungu yagiye we ntiyajyanywe n'uko yatsinzwe ali umuhanga ? Agata umutwe ntimumuteshe ngo mwumwumvishe ko amahirwe atali ukwiga gusa ndetse ngo mutangire n'ingero ahubwo mukamufatanya n'ibyago murara mumutuka ijoro lyose ngo ni igicucu ntacyo azimalira ?

KANYARWANDA (Aracyarakaye)

Ziba aho Mari;; wowe uzaba uwo kunteranya n'abana ubayobora inzira idakwiye ubashakira iby'akarenga, jyewe uruzi ko hali umwana uzanyulira ?
(Avuga atsindagira) Kugeza ubu nzajya mpa umwana wanjye iby'amategeko, nta numwe muli bo nteze guha ibyakarenga kuko bimutera kuba ikirara. Niba ndi umukene nabo bagomba gukena kugirango bategure ubuzima buzaza.

KAGOYIRE

Aliko se Papa ko mbona mujya mu nama buli gihe, mukumva radiyo buli munsi, ntimwumvamo ko amajyambere yaje, kandi ko umuntu agomba kubaho neza abihereye mu rugo rwa buli muntu, ndetse no mw'ijambo ly'ibanze ly'Umukuru w'Igihugu tubisangamo. Ubu se abana banyu bo bavuye mu mubare wabo mu rugo ? Ubungubu tuzajya ducecekaaaa, Mwalimu nadutuma twe gutumika ? Ngo ni uko halimo ibibazo by'amafranga ? Yewe reka munamubwire gutyo koko nuko inama iherutse kuba mutayigiyemo !

KANYARWANDA

Iyo nama se ngo abayigiyemo barahembwe ? Ngo mba narahatomboye amafranga nkayatanga ? Ubonye ibyo umbwira nawe

(Mariya ahamagare Kayitesi ngo ategure ameza)

Kayitesi we tegura ameza maze Kagoyire azane ibilyo

MARIYA

Kagoyi wazanye na cya kiyiko cyawe ko mbona ukunda kwiyibagirwa ?

.../..

KAGOYIRE

Noneho nakizanye

MARIYA

Si uburo bweze

Ubwo wiyibutse noneho ga !

Mulyoherwe mwese

Abana na se

Namwe, kandi murakoze

MARIYA (Arebe Kanyarwanda)

Aliko uzi ko nali nibagiwe kubaregera Kayitesi

KANYARWANDA

Bite se kandi ?

MARIYA

Kare namubwiye gutwara impamba aranangira ngo bali bumwirukanire amafranga, none kandi dore yize ndetse ageranye aha na Kagoyire nonaha saa kumi n'imwe, erega amaze n'igihe yiyumvira namubaza ikintu akansubiza nk'udahali (ahindukira rebe Kayitesi)
Aliko Kayite, halya ngo urasaba umusanzu w'ishuli ? Ni uwa rubanza ki se kandi ? Singira ngo batanga limwe mu mwaka ? Ubuse kandi umwaka warashize ?

KANYARWANDA

Niko Kayite ?

KAYITESI

Karame

KANYARWANDA

Halya ntiwiga mu wa munani

KAYITESI

Niho niga

KANYARWANDA

Wigana se na Marita

KAYITESI

Tuligana

KANYARWANDA

Niko Mari

MARIYA

Karame

.../...

KANYARWANDA

Ntiwaba uzi ubucuti bwa Marita na Kayitesi ko mbona buli mugoroba Marita anyuraho nakoreraga ikawa hepfo aha ngo aje gushaka Kayitesi.

MARIYA

Yewe ga ! yewe ga ! Abana baratunaniye pe ! Marita amaze kuba ikirara ngo yanatandukanye na Mukase, mw'ishuli ho ntaheruka kurota n'inzira zijyayo ahubwo amaze igihe akorera udufaranga ngo arashaka gutoroka, none ni aho kuvuga ngo ni inshuti ya Kayitesi ? (Akebuke arebe Kayitesi amutunge urutoki )
Ejo kare mutandukane inzira zikigendwa.

KANYARWANDA

Niko Kayite ... Ubwo nawe urashaka gutoroka nka Musaza wawe, ko nshimye se ko we yali umuhungu akaba yarabuze amashulip nkawe urabona ibyo bizakugeza kuki ? Koko ubwo Marita arashaka kugushaukaaaa ngo utuzanire abuzukuru b'amafuti.

KAYITESI

Abuzukuru b'amafuti ... Igihe nkeneye ibintu bili kuli mode ngo nse n'abandi mwe mukaba mutabimbonera, ngomba gukora uko nshoboye kose kugirango mbibone,inzira nyuramo si zo ndeba, kuko mbona abandi nkanjye aho babikura hatananira.

KANYARWANDA (Akorore)

Ese bana banjye ko mutabuze icyo mwambara, mukaba mutabuze icyo mulya, nk'ubwo murashakira iki kuba ibirara ?

KAYITESI

Ngo ntitwabuze ibyo kulya se dufite ibihe ? Atali ibyo bijumba n'ibyo bishyimbo musorome raho ibiboga by'ibyatsi, ngo nitulye boshye ingamiya, ubu mwanyereka umuceri uraha ? Mwanyereka ibirayi se ? Kuvuga amavuta byo ni ugutukana, halya ngo turanambara, mushatse mwarekeraho kudushinyagulira, ubu mwanyereka agasaha mfite aha ? Mwanyereka se agakweto ? cyangwa mwanyereka agakufi, si iliya juru ndililaho, nayo nimushaka muzayitware kuko mbona ntacyo imaliye kugeza ubu.

MARIYA

Kagoyi ... Nawe se urashaka kugenda ko uru ali urwandiko rw'Imana yatwandikiye ngo abana bacu bashire badutoroka ?

KAGOYIRE

Reka da njya hehe ? Ko abagenda mbona uko bagaruka bameze ? Utwenda twarabashiliyeho batazi no kutwidodera, icyakora jyewe icyo mbisabiye, nindamuka mbuze amashuli, uzansabire Familiyare nzibere nka ba Odeta mbona nta shuli ligipfa ubusa.

MARIYA

Nuko yenda wowe warokoka.

.../...

KANYARWANDA (Akibyibaza)

Halya Kayite ... Ubwo urumva uraye uli bujye mu:mugi ? gushaka isaha n'urukweto ujyanye na Marita ? Ese ko ibyo Nyoko atabyambaye urabona umurusha iki ?

KAYITESI

Ko yabyirutse kera se amajyambere ataraza aho ibyo byali byanabaho ?

KANYARWANDA

Amajyambere se aba mu mugi gusa ? Ubu nta bana ubona bakuruta (bamwe basohotse familiyare) bakaba bikorera udutako bakagulisha bagakuramo amafranga bakagura utwo twose bakeneye ? None wowe uba utararangiza kwiga ngo urashaka ayo mafiyeli, nta nkweto mboye zo guha umunyeshuli, warebye uko uli ukamenya ko so ali umuhinzi ukemera ukalya icyo kijumba ko hali n'abakibuze, uragirango hali uba umukene abishaka ?

MARIYA

Maze wishinge Marita utagira iwabo akaba abana na Mukase ubundi si nk'aho aliwe wigize ? Si yizimiza ikicyura ? Sha ! koko ngo uwambaye ikirezi ntamenya ko cyera; urajya mw'ishuli ku mahoro ugataha ukalya ukalyama none urashaka kwihemukira ako kageni ? Maze nzongere kwumva urota izo nzozi nzakwica, ubwo aho musaza wawe ali arasetse, Yewe Kayite ... haguruka ujye kulyama naho ibyo kujya mu mujyi ntuzongere no kubirota kuko atali ibyo kwirukirwa, ahubwo genda wige ushyizeho umwete urebe ko hali icyo byakumalira.

## IGICE CYA KABILI

Ubu kwa Kanyarwanda baralyamye tunyarukire i Bujumbura kureba icyo umuhungu wabo atekereza.

GAHUNGU (ali mu bulili akangutse)

Yewe ubuto buroshya koko ! Halya ubu ngo naje kwijentura uko nshaka no gufuraha ku giti cyanjye ? Yewe Gahungu ubuzima ndabuliye, icy'abandi bandushije ndakibonye ! nk'ubu iyo niterera ikawa nkagerekaho n'urutoki ko Data yarafite isambu yera ahubwo nkaba narabisigiye iwacu yenda ko bali kubyitaho bakabikorera kandi nasubirayo nkabisubirana, ubwenge bwanjye ni buke cyane kuva mw'ishuli mpita nohoha, ewe niyo nza kwiyigira CERAR cyangwa nkajya muli ya Koperative y'abahinzi muli Komine, nasize bagenzi banjye bagiye gushinga, ubu yenda mba mfite icyo ndiliraho, naho ubu akazi mfite ntikampagije na busa, ntigateze no kumpaza bibaho. Ubu se ndilirwa nkora iki aha ? Ejo ngomba guhambira ngacyura utwanjye bikili byiza (Areba kw'isaha abona yakererewe) abyuke yinanure afata amazi alihumura, ajya ku kazi asa n'umurwayi).

## IGICE CYA GATATU

MARITA (Yivugisha)

Ese mama ko Kayitesi ataje byagenze bite ? Reka nyure iwabo kumubwira butaracya

(Marita ali ku rigi kwa Kanyarwanda, akomange)

Hodi hodi !

KAYITESI (Akingure) ni karibu

MARITA

Ese wagirango ndinjira, gira ahubwo uze tugende tutarakererwa.

KAYITESI

Eh ! Waramutse Mari ...

MARITA

Waramutseho

KAYITESI

Ese wagirango jyewe ndaza, iwacu baraye bambujije bikomeye ndetse bashaka no kwumvuma kandi dore na Kagoyire arakanuye, niwe umbwiye ngo nkingure.

MARITA

Ubwo urumva utabinyuramo ngo uze tugende ?

KAYITESI

Ashwi da !! Numvise bikomeye cyane

MARITA

Ngaho wilirwe ndijyanye

(Kayitesi yongere akinge kuko bwali butaracya neza)

MARITA (Yivugisha)

Yeweweee ! Ngize ibyago, ubu ndijyanye aliko ntacyo ndapfa kugenda, ubundi nali nduzi ko umwana ufite se na nyina bamwitayeho agakubitiraho no kuba uwo mu gikungu nali nduzi ko yohoha nkanjye ? Aliko nali namushoboye iyo atabwira iwabo.

IGICE CYA KANE

Kanyarwanda azindutse ajya gusora agiye guhura n'umulyango wa Mujyambere uherekeje umukobwa wabo Odeta.

KANYARWANDA (ali kure gato)

Mwaramutse mwaramutse Bwana Agorono ...

MUJYAMBERE

Mwaramutseho Kanyarwa ...

KANYARWANDA

Reka nyure aho ndamutse uwo mukobwa aho twali guhulira nduzi ali kure ku bulyo urukumbuzi rwaba rwashize.

MUJYAMBERE

Naho ntihali kure cyane.

.../...

Uretse ko nahongaho uhabonye inzira nduzi uruzitiro rwaracitse.

KANYARWANDA

Muraho neza Ode ... Gira so

ODETA

Ndamushimye

KANYARWANDA

Mbega ngo urabyibuha cyane

ANSILA

Atabyibuha se hali isuka imwonka su ukulya ubundi akalyama

KANYARWANDA

Halya ukora i Kigali Ode ...

ODETA

Ashwi da ... Niho nigaga aliko narasohotse

KANYARWANDA

Ukaba se kandi ujya he ?

ODETA

Ngiye kuzana urupapuro rwanjye naje batarampa, ngahita nsezera naho nali ncumbitse

KANYARWANDA

Halya wabaga kwa Nyokorome

ODETA

Niho nabaga

KANYARWANDA

Ubuse urageraya none ?

ODETA

Ndatega imodoka ahubwo ndagerayo mu mwanya

KANYARWANDA

Yewe amajyambere aliyongera koko kera umuntu wavaga ino yageragayo yaraye mu nzira kabili none umuntu alikozayo akagaruka mu masaha angahe.

ODETA

Ese ba Kayitesi baraho ?

KANYARWANDA

Baraho barakomeye, njya numva Kayitesi aniha ngo arashaka kujya mu mugi, niba agira ngo nawe yahabona ishuli ?

ODETA

Ajya akunda kubivuga kenshi se ?

KANYARWANDA

Umva nawe, ubu yandaje kw'ijoro ngo ntagira isaha n'urukweto, ndetse ngo analya nabi rwose kuko alya idakaranze.

ODETA

Aliko mwagiye mumuha dukeya; ubundi amafranga yanyu muyashyira he ?

KANYARWANDA

Ese nawe urabashyigikiye ? Nagirango urampanura kuko ujijutse none nawe ni ibyo byawe ?

ODETA

Yewe uwamugulira nka dukeya, mbega nk'amavuta yo gukaranga kuko basigaye banabyiga ndetse mukamugulira n'udukambambili two kunyana mu Misa ku cyumweru, aliko simboheje isaha kuko yo ni ugukabya. Uzi kugirango mube mweza ikawa zingana kuliya n'urutoke rwiishi cyane maze umwana wanyu abure icyo ashaka kandi abakorera ? Mugomba kumukoreramo duke mugasiba kumwica umutima, aliko ntasigare inyuma mu rungano kuko byamutera guhangayika yibaza ko mutamukunda.

KANYARWANDA

Ihorere ndabyumvise, yali yaraye ambujije gusinzira ngo arashaka amajyambere y'urubyiruko.

ANSILA

Yo kujya he se ? Ulya ni umukobwa wo gushyingirwa ?

ODETA

Oya da ! ni amajyambere aya simbura ubujiji.

MUJYAMBERE

Yewe Ode, reka ngusezereho njye mu kazi k'abandi ndabona amasaha agiye; ngaho uherekezwe n'Imana, barumuna bawe bagutegere imodoka; Ansi, nawe sezera usange urugo.

ANSILA na KANYARWANDA basezere

ANSILA

Ode, ngaho urabeho ubatashye.

ODETA

Yego murabeho

KANYARWANDA

Ode, urabeho nanjye Mujyambere atansiga dufatanye urugendo.

ODETA

Murabeho mutashye ab'imuhira.

.../...

## IGICE CYA GATANU

Kanyarwanda na Mujyambere mu nzira ijya kuli Komini.

KANYARWANDA

Mbe Mujyambe, ntiwansobanulira ibyo Kagoyire aherutse kunkorera mu mulima, namuhaye akalima ko kwihalika, ngo njye kureba nsanga yashinzemo imambo yaralitsemo imigozi si ukuhalibata liravuga, ngizengo ndamuvuga ati ni uku bahinga kijyambere; namwe mubizi uhinga kijyambere ni ibyo akora ?

**MUJYAMBERE**

**Ni ibyo da ! ndetse ndumva abizi cyane ! halya yiga uwakangahe ?**

**KANYARWANDA**

**Umenya ubu yiga uwa kalindwi**

**MUJYAMBERE**

**Aliko ga wali warabyaye indahekana muko mbona zidasubira hasi**

**KANYARWANDA**

**Babura se kubaheneza, erega n'ubundi indahekana ni nzisa kuko zigutabara utarasaza n'ubundi ugukiza agukiza kare.**

**MUJYAMBERE**

**Uretse ko wowe wisheboye se, ukagira inka n'uruteke ukaba ufite ikawa zingana kuliya ndetse na Nyina akabitaho, ubwo ugirango utabifite akaba agira indahekana ugirango ntiyalyamuye. Bulya abategetsi ntibavuga ubusa, bahora batubwira ngo tubyare abo dushoboye kurera, nawe se naba ntagira isambu, nkabona uko ngabanya udufranga ab'imuhira, ngasagurahe n'akagwa, ngakubitarahe ize ndahekana, nkazapfa nzuye umutwe ? Data yaraduhimye koko; umenya ali nawe ONAPO yahereyeho ijya gutanga ingero z'ababyara abo badashoboye kurera ! Nawe se umuntu wabyaye abahungu balindwi najye wa munani kandi afite isambu ingana urwara ! Ubu jyewe mfite ahali insu gusa abanjye ndibaza aho nzabashyira, ubu umunyarwanda ashobora kubaho ate adahinga koko ?**

**KANYARWANDA**

**Yewe Leta yashoboye byinshi ye, ibyo nanjye simzi ko izabishobora ! rero ngo balifashisha mu mahanga, simbona bigera ino ntibigire aho bikora ?**

**MUJYAMBERE**

**Ubu abahanga barabyize, bahinduye ubulyo bwo guhinga, umuntu azajya ahinga heza kandi neza abone umusaruro mwiza utunge benshi.**

**KANYARWANDA**

**Wavuga guhinga heza, naho ubundi se hali umugabo utazi guhinga neza ?**

**MUJYAMBERE**

**Mbe wumvise ko guhinga neza ali gukurame urwili ?**

.../...

KANYARWANDA

Umva nawe, urumva hali kwumva ibindi bibe ?

MUJYAMBERE

Guhinga kijyambere ni uguhinga ku mirongo, tugafumbira, tugacukura n'imilingoti ndetse tugaterahe n'ubwatsi.

KANYARWANDA

Ubwo umuntu yahugira muli ibyo akabona n'igihe cyo guhinga ? Ahaaaa ! ubwo ibyo muba mubibwira abafite amasambu adahingwa, ubu jyewe nzadukira uruteki rwanjye, ndwadukeme ndimbagure ngo ndacukura imilingoti, ne mu bishyimbo sinajyame mba ndoga Kayihura. Halya ubundi ngo iye milingoti irwanya nisuli ! Umunsi yusuye igatemguka se ? Erega iye bavuga ko ali iyo kuyitera bakareka kutubeshya ngo barayirwanya.

MUJYAMBERE

Ese Kanyarwanda nawe uracyali muli ibyo ? Ubu ntuzi akamaro nk'imilingoti ? Koko ubigisha aracyageka, ni ukubikerera kubera amategeko gusa erega ! na za ngarane ucukura ntuzi akamaro kaze ?

KANYARWANDA

Reka mba nkurega, ni ukwitinyira amafranga muduca ubundi sinali kwigora nyicukura pe ! Ubundi ko abasekuruza batigeze babikora babuze kuturera ngo tube turuhiye gusaza ?

MUJYAMBERE

Ese ubundi inzira yawe si iyi ?

KANYARWANDA

Reka da ! turakomeza tujyane ubu ngiye kuli Komini gusera, sinacyira ko abapolisi bazaza kunsherera ngo sinasereye Komini.

MUJYAMBERE

Reka tube tugarutse ku byacu; halya umaze kunsubiza ngo ko abasekuruza batabikoze, ntuzi ko bucya bihindura imilishyo ? Ko bo se bahingaga hamwe, basaza bagahinga ahandi, ubutaka tutaraburuta; hali umuntu wo guhinga ubutaraza umulima ngo abure gukora ibyo nakubwiye; ko dusigaye twingiga se, n'ibitali ibyo tuzabikora kubera inda.

KANYARWANDA

Koko ubivuze ukuli mwana wanjye, inda yigisha ubwenge !

MUJYAMBERE

Yewe ube wiliweho nduzi abandi bahageze ubanza nakererewe.

KANYARWANDA

Yego, yego, wilirwe

(asigare yivugisha)

Yewe, ngiye kugerageza ibyo uliya mugabo ambwiye maze nzirebere nanjye, hali itinya itarunguruts e ? Ubundi se ibintu byakwiliye igihugu jyewe ndabyanga nsigare hehe ? nti nze kugera imuhira gusa, na wa mwana ndamuha undi mulima ; nawe se ko abakuru turuhije amajyambere azaza tuyatere umugeri bigende bite ?

## IGICE CYA GATANDATU

### Kuli Komini

BURUGUMESITIRI

Niko sha halya ngo uvuye Bugande ? Waba waragiye lyali se kugirango ugire imyaka mirongo itatu utaragira indangamuntu ?

KABUNGA

Nagiye ntarageza ku myaka yo kuyifata.

BURUGUMESITIRI

Niko se sha nta mugore ugira ?

KABUNGA

Ndamufite twahuliye i Kigali ndiho nza.

BURUGUMESITIRI

Vuga izina lye nawe mwandike niba ali umwe ufite dore ko abato b'ubu alimwe mukora ishyano mukagira abagore ijana. Zana amafranga ibihumbi bibili kuko watinze kuyifata ukaba ufite n'umugore utazwi, ejo muzazane igikumwe hamwe n'abagabo bemeza ko ufite umwe koko ni bitaba ibyo mvuze ugahabwa igihano.

KANYARWANDA

Muraho bwana Bugurumwisitiri

(Abali aho baseke cyane)

BURUGUMESITIRI

Urahe musa, hita uvuga ikibazo cyawe.

KANYARWANDA

Nali mbazaniye umusoro

BURUGUMESITIRI

Naba nawe uravuga neza, yashyire Kontabure aguhe ibarate

KANYARWANDA

Aho ali ni heho ?

BURUGUMESITIRI

Genda uhamwereke sha, wowe wambaye ishati itukura.

KONTABURE

Witwa nde ?

KANYARWANDA

Nitwa Kanyarwanda Banyamenye

KONTABURE

Zana indangamuntu yawe.

KANYARWANDA

Indangamuntu se ndayigira mwana wa, cyakora nazanye ibuku

KONTABURE

Nalye lizane ndebe

KANYARWANDA

Nimwakire

KONTABURE

O ! O ! O ! Indangamuntu ni iyi musa, dere witwa Kanyarwanda Benjamini akira ibarate lyawe.

KANYARWANDA

Ibye se menya kubivuga mwana wa, murabeho kandi murakoze.

KONTABURE

Wege nawe

KANYARWANDA (agende yivugisha)

Yewe, Kanyarwanda ntaho nshingiye, koko ubu na Gahungu naza bazamuca amafranga ! Aliko ntacyo bitwaye batamukubise ngo bamufunge, umuntu yayahaha cyangwa akanayaguza. Aliko ibi ni ibyo nivugisha ubu nzi ko akigira ubuzima, aliko koko dufite amahoro ye ! Ni aho kugirango umuntu ajye mu kindi gihugu agaruke i Rwanda kugira icyo abaza, iye haba kera baba bamwishe.

IGICE CYA KALINDWI

Kanyarwanda ageze imuhira saa sita barafungura, bagifungura babona Gahungu aratungutse n'igikapu.

GAHUNGU

Muraho yemwe ?

MARIYA

Uraho Gahu, Yezu akuzwe

GAHUNGU

Iteka lyose

MARIYA

Yewe Imana irakora koko tambuka uramutse na Papa nguwe mu nzu.

GAHUNGU

Muraho Papa

KANYARWANDA

Uraho neza mwana wa, amashye.

GAHUNGU

Amashongere

KANYARWANDA

Ese ko nduzi uli umusilimu ukaba unabyibishye wakoraga iki ?

GAHUNGU

Nilirwaga nivuruguta muli Tanganyika ngo ndaroba amafi, ubu wagirango nali n'akazi gahembwa aho ntakeze ni mu mifuka.

MARIYA

Gahu, akira amazi ukarabe maze ufate n'ikiyiko ufungure

KANYARWANDA

Sema no kuli aka kagwa

GAHUNGU

Murakoze, naherukaga kurumywa ndi ino

KANYARWANDA

Wanywagaiki se ?

GAHUNGU

Twinywerga Fanta cyangwa tukanywa icyayi iyo twabaga twafurashye

MARIYA

Uzi ko wali warakize, niko se Gahun uturaniye iki muli kiliya gikapu ?

GAHUNGU

Ntacyo rwose, kerką udukwete twa Kayitesi na Kagoyire, ubundi mwe mbazaniye amafranga Igihumbi, ese nyine ubu baracyiga ?

MARIYA

Baliga, Kayitesi yiga mu wa 8, murumuna we mu wa 7. Ubwo uje noneho ni amahoro, Kayitesi yali yatujujubije atubuza gusinzira ngo azajyana na Marita mu mujyi se arara amubuza ijoro lyose iby'Imana ntiyagenda.

KANYARWANDA

Noneho agize Imana ubwo umuzaniye urukwete nako natwe ni uko, mubyamushavuje rwali rulimo ngo mo kulya nabi da ?

GAHUNGU

Alike Papa ntaguciye mw'ijambo

KANYARWANDA

Ivugire narangije

GAHUNGU

Ubu muracalya ibijumba n'ibishyimbo gusa icyumweru kigashira ikindi kigataha ?

KANYARWANDA

Urusi ke twabishimbuje ikindi kihe ?

GAHUNGU

Usi ke kulya neza ali bye ngombwa kugirango umuntu ashobore kubaho. Ubu amafranga ava mu rwagwa mwayagabanyamo kabili mugahaha inyama limwe mu cyumweru n'amavuta yo kusitekamo neza ubu Kayitesi ntaramenya guteka ?

KANYARWANDA

Yewe Gahu, ibyo nintamabibakorera ku bwanjye ndabibakorera bana banjye kuko nshaka ko mutaba ibirara,ngo ushaka inka alyama nkaze.

GAHUNGU

Yewe ngarutse niyemeje gukora kuko ubu nahisemo igikwiye, ese ubu ya Koperative nasize bagenzi banjye bashimze ubu igeze hehe ? Ejo ninjya gusura mushiki wanjye nzanyuraye njye kureba.

KANYARWANDA

Yewe, barakize cyane, aho urazi imbega bahinga ngo niba ali pinali, yiba ali karetwe, simamenya uko bazita ni nyinshi cyane, aliko kw'isoko zirahenda cyane, njya mbona abakire bazirwanira. Hali umuntu waliye ibisusa n'isogi ngo ahindukire ajye kulya imizi y'igiti ngo ni karetwe ! Yewe nabonye bazihekenya ndumirwa pe !

GAHUNGU

Zilya zibamo ingirakamaro, kuli ubu umuntu asigaye alya duke aliko dufite inyubaka buzima.

KAGOYIRE

Ibyo nibyo Kayitesi yali yarabasobanuliye ngo yatukanye ngo tulya nabi.

MARIYA

Abana b'ubu muzi ubwenge umenya muzitumga koko; hali mubwo wavuye ino uli igitambambuga ukajya iyo literwa inkingi hanyuma ukigarura ! Ese ko numva bavuga ngo ugeze ku mupaka baramukubita bakanamusahura, nawe baragukubise cyangwa ntiwahanyuze ?

GAHUNGU

Erega kuli ubu ni amahoro, barakureka ukihitira, kereka iyo udafite ibyangombwa. Naho jyewe nali mfite indangamuntu ndetse n'ibarate ly'undi mwaka ko uyu nguyu utarashira se ubwo bafataga nabuze iki ? Ubu Habyalimana yaguye amarembo tujya gusura inshuti zo mu mahanga ntangorane keretse udafite ibyangombwa niwe butilirwa bugera cyangwa ugenda yihishe aliwe bakorera ibyo mwavugaga.

KANYARWANDA

Yewe ubu amahoro ni yose, nahoze mbitekereza mvuye muli Komine, nahasanze umuhungu wali umaze imyaka mirongo itatu atagira indangamuntu ngo yiberaga i Bugande nsanga koko amahoro n'ubumwe ali byose kugirango umuntu amare iyo myaka yose mu gihugu cy'abandi agaruke akili mutaraga afite ibibazo mu Rwanda ?

.../...

GAHUNGU

Wamenya ko ali amahoro ubonye abanyeshuli b'u Rwanda biga mu mahanga cyangwa abakinnyi b'umupira b'u Rwanda bajya gukinira mu mahanga ndetse n'abaho bakazaza gukinira i Rwanda.

KANYARWANDA

Yewe ga mwana wa, koko ubu ni amahoro, iyo ubona duhinga tugasarura imyaka yacu, tukayilya nkuko tubishaka nta mwami dutura, nta n'intambara twikanga wakwongera ukabisubiramo uti mu Rwanda ni amahoro. Ku mana y'baliho, uzananirwa kwikorera akabura n'ibitekerezo, azavuga ngo yabuze amahoro. Yewe Gahu, sigara uganira na Nyoko jyewe ngiye gucukura umungoti hepfo aha alike sinzicukulira mu ruteki.

GAHUNGU

Yego aliko ngiye kwa Mujyambere kubaramutsa.

MARIYA

Yewe, reka nteke vuba ba bana bataza bakagwa mu rugo

(anyaruke nagera kw'irembo agiye guca akarere, ahahulire na Kayitesi na Kagoyire).

MARIYA

Ese ko mubangutse Kayite, noneho ni amahoro ?

KAGOYIRE na KAYITESI (icyalimwe)

Tuje kuramutsa Gahungu

MARIYA

Agiye haruguru aha kwa Mujyambere

KAYITESI na KAGOYIRE

Ntacyo dukora tutamubonye, reka tujyeyo ahubwo.

IGICE CYA KALINDWI

Kwa MUJYAMBERE

KAYITESI na KAGOYIRE

Mwiliwehe ye ?

ABO mu RUGO

Mwiliwe

KAYITESI

Uraho Gahu (amuramutse cyane)

GAHUNGU

Yesu akuzwe

KAYITESI

Iteka

GAHUNGU

Urahe nawe Kagoyi ? (Nawe amuramutse cyane)

KAGOYIRE

Urahe neza

GAHUNGU

Yewe reka ntahe dore bulije ndetse balinze iyo baza kumpamagara ndetse muramukehe

MUJYAMBERE

Reka tukugeze kw'irembe

(Umulyango wa Mujyambere ubaherekeze ubageze kw'irembe, babasezereho).

MUJYAMBERE

Ngahe uramuke Gahu

GAHUNGU

Yego murete imana

MUJYAMBERE

Muramuke namwe bana mwe

ABANA

Muramukehe

BALI MU NZIRA BATAHA

GAHUNGU

Nike Kayite, wabonye udukwete nakuzaniye ?

KAGOYIRE

Jyewe se ntiwanzaniye ?

GAHUNGU

Nabazaniye mwese

KAYITESI

Reka se ibyo byabaho nkambara inkwete ntagombye kubungera ? Yewe uwitonze koko nge akama ishashi. Ubu ejobundi si nali ngiye ? Ninaze zali zimbabaje cyane.

KAGOYIRE

Ubundi se ntibabivuze ukuli ngo uwanze kumvira se na Nyina yumvira ijeli; iyo ureka kubumvira nge ni abakene uba waragiye ntaze ubenye.

GAHUNGU

Ntukarambirwe ukili kw'isi, ibintu biza buhoro buhoro, gutinda si ugubera upfa kuba wikerera gusa ibindi ntumenya uko biza.

IGICE CYA MUNANI

KWA KANYARWANDA

KANYARWANDA

Ye Mariya we, ubwo bwatsi nzanye buhe iyo nyana itąza kurara yabira; ese ubu Gahungu

ntaraza ra ? ko atangiye gutaha ni njore umunsi wa mbere ?

MARIYA

Niba Kagoyire bali kumwe ahubwe bageze aha bahita bajya kumuramutsa

KAYITESI

Erega twaje

KANYARWANDA

Aliko mwali mugiye kurangara, saa moya mukili mu gasozi ?

GAHUNGU

Yewe nali nkibaza agronome iby'ine; ndetse yambwiye ko urubyiruko rugiye gukora ibikorwa rushyize hamwe rukazabimulika muli Minisiteri maze ngo babishima bakabazanira ibihembo; cyangwa nk'amakoperative bakazayaha ibikoresho none ubu naratanzwe. Ejo ninjya gusura Koperative, nzababaza neza ko najye nshobora kujyamo ngafatanya nabo.

IGICE CYA CYENDA

Kuli Koperative

UMUYOBOZI WA KOPERATIVE

Uyu munsi poregaramu difite ni iyo gutunganya cya kibaya maze tukahatera ibigoli bya kijyambere. Ye, ese ubundi ko abakozi batinze (arebe kw'isaha). Yeee ! nijye wali wibeshye da kuko isaha yanjye nzi ko ili ku gihe.

Gahungu akomange

UMUYOBOZI WA KOPERATIVE

Injira .... Yeee ! Muraho Gahu

GAHUNGU

Muraho cyane

UMUYOBOZI

Amakuru ki ?

Gahungu

Ni meza

UMUYOBOZI

Waje lyali se ?

GAHUNGU

Ejo bundi

UMUYOBOZI

Ni uko ni uko, n'ubundi guhaha ni ugutebuka, nta muntu wo gusazira mu mahanga

GAHUNGU

Ese imboga nyinshi mbonye hamwe hahoze igishanga ni izanyu ?

UMUYOBOZI

Nalime n'iza CERAI, alike igice cyinini ni icyacu, kimwe kilimo amashu na Karoti.

GAHUNGU

Yewe, bulya gufatanya ni byiza keke nabonye ali nyishi cyane, ese muhinga buli munsi ?

UMUYOBOZI

Reka da, bulya ni limwe mu cyumweru, cyangwa kabili hali mpamvu ubundi umuntu akikorera, nahe wewe urabishima ubizi he iki ? Dore nko mu mwaka ushize twahinze ibigoli byinshi cyane byose turabigulisha dukuramo amafranga atagira ingano, duteranya nayavuye muli Soya kuko twongera umusaruro w'ibihingwa ngandurarugo tuyagura imodoka y'igitonore none ubu irakora. Kandi dufite n'amazu ducurulizamo n'imyaka yose ku giciro gike n'ibindi abantu bakenera.

GAHUNGU

Ubu se nanjye ngiyemo mwankundira ? Mushobora kwemera ko dufatanya ?

UMUYOBOZI

Twabyemera rwose n'umutima mwiza ugasimbura uherutse kwitaba Imana; ubundi kuba ibiharwe byatuvunaga kuko tutagabanaga imilimo neza cyangwa se amafranga. Ubwo uzatangira gukora ejo bundi uzaze witwaje isuka kuko tuzayobora amazi ndabona imvura imaze gucika ubundi tujye tuvomera.

GAHUNGU

Murakoze cyane kandi urabeho.

UMUYOBOZI

Yego, ubwo ni ah'ejobundi n'isuka

GAHUNGU (yivugisha kandi avuga buke)

Ni ahe byageze,

Yewega, yewega !!! ni ahe gukura imodoka mu buhinzi !!! ubu sindabyemera neza, kandi nahabonye n'amazu bakoreramo, yewe, baliya barakize koko pe ! Ubwo banyemereye kwifatanya nabo ngize Imana rwose, abantu bashimwa na Ministeri ikanabahemba, gufatanya nabo ni amahirwe atagira uko angana.

## IGICE CYA CUMI

(Gahungu ageze mu rugo asanga se yahingutse asubiye mu mulima gutera ubwatsi aho yacukuye imilingoti, abanze afungure abone kujya kumufasha).

KANYARWANDA

Wiyandikishije se Gahu ?

.../...

GAHUNGU

Nabonye banyandika. Aliko bafite ibikorwa byiza pe ! basezeye ku bukene koko ubwa ya ndilimbo yo kuli radiyo ngo twambuke inyanja y'ubukene nabo barambutse uretse ko hali abasigaye inyuma bali bameze nkanjye mbere; naho ubundi iyaba twese twameraga nkabo tugatera intambwe nyayo, gufatanya ni ukubaza ubwato bukomeye bwo kwambuka inyanja y'ubukene.

KANYARWANDA

Erega n'ubundi dushubije amaso inyuma dusanga amajyambere azanwa no gufatanya, aho uzi ko amashuli ba Kayitesi bigamo ali twe twayabumbiye amatafali tulimo dukora umuganda.

GAHUNGU

Nabo se imihanda imodoka zinyuramo zitugemuliye imyaka cyangwa ibindi byose dukenera tutabasha ku mitwe yacu, iyo mihanda si ubufatanye bw'umuganda ? Aliko mwawuharuraga mutuka abajyanama ndetse mushaka no kubakubita ngo babamaliye amasambu.

KANYARWANDA

Yewe Gahu, umuganda wali mwiza aliko uvuze ibyo guharura imihanda nibuka imyumbati yanjye balimaguye numva mpise nanga umuhanda n'ibiwukomokaho byose. Aho ulibuka ibikoro nezaga muli wa mulima batarawucamo kabili ukaba warambuliye ifato wabuze epfo na ruguru ?

GAHUNGU

Have ntiwavuga ibyo, iyo batawuharura Gakire yali kujya anyuzahe imodoka ye ajya gusura iwabo. Bwenge se we ntibyamufashije ntajya kwigisha amashuli makuru i Butare agataha mu rugo rwe, iyo batawuharura ipikipiki ye iba inyurahe ? Ibishyimbo duhora tugemulirwa mu mamodoka ko mbona namwe mubigulira ino iyo umuhanda utaza kuhaba biba bitugeraho bite ? Nawe murababazwa n'umulima,akamaro wagize kararuta ak'umulima inshuro ijana kuko ufitiye akamaro abantu benshi cyane. Leta ibanza gushakira hamwe igifitiye imbaga nyamwinshi akamaro ikabona ku gikora naho wowe urumva igifitiye akamaro umuntu wenyine alicyo cyiza.

KANYARWANDA

Mwana wanjye se ko ibyo ali ibyo nivugishaga ndaniha ngo bigende bite ? Abo batwaliye imibande bakahacukura ibyuzi by'amafi, abo basenyera iteka baharura imihanda myiza abo se ntibaliho ibintu byose ni amahirwe kandi haguma amahoro.

GAHUNGU

Ndabona bwije reka njye kwahira ubwatsi bwa ya Nyana.

KANYARWANDA

Erega byali byo ni uko mbona nabwo ali ukubuhaha, banza ujye imuhira uzane umuhoro nkwereke ubwatsi uyitemera.

KANYARWANDA (abone umuntu utumguka hilya, asigare yivugisha)

Ese uliya muntu nduzi yaba ali Marita ye ? Aliko nduzi basa cyane uretse ko uliya akenyeye ibitenge kandi Marita akaba ali umukobwa. Erega nduzi anatwite inda nkuru, reka mpfe kumuhamagara, yewe abasaza turuhije reka mwihorere ntajajwa ku muntu w'abandi da .

.../...

## IGICE CYA CUMI NA KIMWE

### Kanyarwanda, Marita na Gahungu

MARITA

Muraho yemwe abatera ubwatsi

KANYARWANDA

Muraho neza Mari

MARITA

Inzira igera aho se ndayibona nte ?

KANYARWANDA

Nyura aho mu mulima ikirenge nticyena. Uraho mwana wa ? Gira se

MARITA

Ndamusanganywe, uretse ko ntazi ko akibaho

KANYARWANDA

Alike uruzi ko wagiye se agahita apfa ?

MARITA

Yewe nali nduzi ko nawe nsanga atakibaho kubera ibyage nakomeje guhura nabyo kuva nava ino none ubwe akibaho yenda ranyakira ababyeyi bagira imbabazi.

GAHUNGU (atungukanye umuhore)

Ni hehe nyitema ra ?

KANYARWANDA

Ni kuli kiliya giti kinini kili haliya haruguru mw'itongo.

MARITA

Ese uliya ni Gahungu ra ?

KANYARWANDA

Niwe

MARITA (avuge cyane)

Murahe Gahu (avuga bucye) Uzi ko yabaye umusore !!

GAHUNGU (atangara)

Yooo !!! Uraho Mari amashyo

MARITA

Amashongore

GAHUNGU

Ese wabaye umugore lyali ?

MARITA

Reka nta bugore bwanjye

GAHUNGU

Sinduzi ukuliwe se ?

MARITA

Kuko ntwite se ? Nta mugabo nigeze da ?

GAHUNGU

Mone se ni iy'Umwuka Wera ?

Marita

Habe ngo ni n'iy'urubundo, iyi ni iy'amatwi make yanjye

GAHUNGU

Yewe reka njye gutema imivumu bulije, uzabintekerereza neza duhuye ngaho uramukeho.

MARITA

Uramuke Gahungu we

KANYARWANDA

Nanjye byali byantangaje nalindiho nibaza ukuntu utunzwe n'umugabo n'akanya ugiye kandi nabonaga uli mutoya cyane ku bulyo utaba umugore, abana b'ubu muratunaniye koko pe !! Nkubwe uwaguteye iyo nda we yibazaga iki ?

MARITA

Wahora ko nagiye i Kigali ntahazi ngo ngiye gushaka yo umukire ! Umuntu wa mbere twahuye ngezeyo nkamuybo za aho nabona akazi nawe aba arantemboye ati kuhabona si ikintu kigoye ahubwe ngwino mpakuteze mbone gukomeza urugendo, nti kugukulikira ndabizi, aho yanyeboye ni hehe ? Ko nagiye kubona nkabona tuli mw'ishyamba ly'imgati nkahararuza iyi nda; nkamvaye nshakisha hose udufranga twazangarura, ubu wagize ngo nageze mu mugi ?
Ahubwe Kayitesi agira Imana ubu nawe aba ameze nkajye.

KANYARWANDA

Marita we uramuke ngiye mu rugo mpunge uyu mubu

MARITA

Yego muramukeho, musuhuze ba Kayitesi ni mbona akanya ejo nzaza kubaramutsa.

KANYARWANDA (yivugisha)

Yewe, koko ngira amahirwe jyewe wabujije Kayitesi kujya mu mugi akankundira nawe ubu aba aje asa kuliya n'iliya nda nkabyifatamo nte koko ? Yego n'ubundi sinzi ibye aliko adapfuye ruliya. Nizeye ko nabona Marita uko ameze azagarura umutima akumva ko kumubuza bitali kumwanga ahubwo ko byali igitsure cy'ababyeyi. Erega abaciye uyu mugani ntibabeshye nge wanga amahoro acagase akebe ukabona amakuba akuzuyemo.

INAMA

Bana rero mushohotse amashuli mukaba mutashboye kubona akazi muzilinde kuzerera ejo mutazaba aka Marita kandi namwe bantu bakuze mujye mwilinda gutera umugeli amajyambere maze Kanyarwanda ababere urugero.

KAMPIRWA Emmerance
C.E.R.A.I Nyarunyinya (3ème Année)
Komini Kinyamakara
Prefegitura GIKONGORO.

N'uwiga,
Ufashe icyemezo,
Kurushinga,
Umugambi wawe,
Uragana urwawe,
Muli uyu mwaka,
Uhawe twebwe.

Reba iwacu,
Reba icumbi,
Reba ibyumba,
Reba iby'ubu,
Kanura amaso,
Urebe isambu,
Ntusigembe,
Ugaruke iwacu,
Muli Segiteri,
Idusanganya;
Urebe ubuse,
Ubare abasiza,
Babuze akalima,
Munsi yabo.
Mwira imsimzi,
Y'ibi bintu,
Mu myaka itaha,
Nyuma y'uwacu ?

Nitwe tubyirwa,
Nitwe bireba,
Si abasaza,
Ubu bararenga.
Ntahe ukimzwe,
Ntahe uhejwe,
Mu Rwanda rwacu,
Ihere ijisho.
Turarutuye,
Rukatubumba.
Rukatuneza,
Rukaduhaza.
Tuliyengera,
Rugatakamba,
Rufite ubweba,
Ke turusaga,
Tukarurenga,
Tugana ahandi,
Tujya gushaka,
Inshuti idashaka,
Isali idusindisha,
Tutamyeye.

Rubyiruke,
Ibye kubyara,
Bye ntibitinda,
Ibye kudutunga
Ni bye bigeye.
Ke mbona rutera,
Imtambwe ndende,
Intara nyimshi,
Imzara izitsemba,
Icyago nk'icyi,
Kiliza benshi,
Inganze yacye,
Iturutse ahaga,
Umugambi wacu,
Ubaye uwuhe,
Muli uyu mwaka,
Uhaliwe twebwe ?

Rubyiruke,
Dufite uburere,
Dufite abarezi,
Baraaukunda,
Bakatugemera.
Baradutaka,
Baratumeza.
Umwaka mk'uyu,
Ntuturenze.
Ntituwuhawe,
Nge tube abera,
Tuli abirabura,
Nyarwanda.
Ntituwuhawe,
Nge tube ibyubi,
Ibisambu,
Byugalije amarembe.
Kuba imtakereka,
Sibye tubwiwe,
Imkerabusa,
Ntizikarangwe.
Turawuhawe,
Nge tuwubyaze,
Ibyiza byimshi,
Bizira ibyambu.
Turawuhawe,
Nge twishime.

Rubyiruke,
Muvema yacu,
Yaratubumbye,
Iauha imtege,
Iaushyize heza.
Iauha intege
Iausangamya,
Iratumeza,
Inyura abagenzi,
Ubumwe,
Bubumba,
Imbaga nyamwinshi,
Igashisheza,
Umuti w'urwacu.
Amahere,
Aauhaza,
Mubye autumze,
Bikatumeza,
Bitali byinshi.
Amajyambere,
Afatwa natwe,
Turajijuka,
Binyura benshi.

Rubyiruke,
Mbega Imana,
Ikunda u Rwanda,
Mbega impame,
Y'ubushishezi,
Mbega impamba,
Y'abanyarwanda,
Mbega ibyiza,
Byeze iwacu;
Intege y'uyu,
Ihuye n'iyi !

.../...

Dore ubufatanye.
Ntibusaba icumbi,
Bwaratuye,
Iwacu i Rwanda,
Buraturanga.
Tuli ab'umwe,
Tulibumbye,
Ntituba inkehe,
Inyuma y'inkingi.
Amashyirahamwe,
Aaushyize heza.
Dore ubuhinzi,
Umwuga wawe.
Umwuga wacu,
Wa kinyarwanda,
Mu mashyirahamwe,
Ukerwa na benshi.

U Rwanda rwacu,
Ruremye neza,
Rufite imisozi,
Rufite ibibaya,
Amashyirahamwe,
Ahashyize ibikerwa.
Imisozi ituwe,
Iteretse imbwija,
Iz'inyabutenge,
Zimeze neza;
Isegi ibisusa
Turabihinga,
Mu mashyirahamwe,
Ntitwatangwa,
Ko zamutumse,
Tuli abana,
Zikatulinda,
Indwara nyinshi.
Iza kizungu,
Ntiziturenga,
Zigana ibibaya,
Bizira kuma.
Ibereke uhure,
N'ilye hehe.
Ihere ijishe,
Amashu, kareti,
Imvange nyinshi,
Ni ku mirenge.
Zizize ikibaya,
Kinyuze twese.

Rubyiruke,
Ni iza kizungu,
Zikaba izacu.
Kuzilya twese,
Ubu turabizi,
Ziramalyeshye,
Zinyuze ilyinye.
Muli uyu wacu,
Ni zengerwe.
Ku mwitere,
Ntitwamwarwa.
Dufite amatunge,
Atanga byiza.
Amata araterekwa
Akabura abayamwa,
Kubera ubwinshi,
Inka atali nyinshi.

Turazigabanya,
Zikaba nziza.
Ahe kuba imyite,
Isebya abashumba.
Mu mashyirahamwe,
Zifashwe neza.

Ihene, intama,
Inkoko n'ingurube,
Turazitunze,
Zikautunga.
Ng'iyi ifumbire,
Ifata ubutaka.
Ifubika imyaka,
Ikera neza.
Iliyengera,
Mfura z'u Rwanda !
Muli uyu wacu,
Ibaye intege.
Dore isakeshi,
Iserutsa umwali,
Dore iye nkwete,
Inyuze ikirenge,
Bikozwe mu mpu,
Z'ime i wacu.
Bikorwa na bamwe,
Mu banyarwanda,
Ne mu rubyiruke,
Umubare urashyitse;
Mu mashyirahamwe
Inyungu igataha.

Rubyiruke,
Imyuga iwacu,
Ibaye myinshi,
Abanyamahanga,
Ntibagihurura,
Kutwigisha,
Gusana ibyacu.
Amazu arashimgwa,
Ayebewe na twe,
Ibisakazwa,
Bikorwa natwe.
Imitegure,
Iturutse i Rwanda,
Mu mashyirahamwe,
Hakorwa byiza.
Intebe, ibitanda,
Amashushe meza,
Bihuruza benshi,
Bakabishima.
Bihuza benshi,
Bakabirata.
Umurare mwiza,
Uraye i wacu,
Kaza umurege,
Byiyengere.

Rubyiruke,
Ibikorwa nk'ibye,
Byitwa ilihe ?
Wilishaka,
Ugifite impumu,
Ng'ili ng'ili,
Ubu nualibenye.
Ni amajyambere;
Ageze i wacu !
Uwe tuyakesha,
Mwise amahore.

Amahoro,
Ahunda,
Umuco nyarwanda,
Amahoro,
Ahumuliza abashaje,
Abato bahuliye,
Ku kadiho.
A mahoro,
Ahungabanya,
Amahane,
Amahomvu yose,
Agahambira.
Amahoro i wacu,
Niyo aturanga,
Niyo dukesha,
N'iyi ntambwe,
Niyo dutera,
Umunezero.
Niyo aturanga,
Impande zose,
Niyo dukesha,
N'uyu wacu.
Mugire amahoro,
Indamutso yacu.
Murayahorane,
Iminsi yose.

1

NYIRAMPUNDU Suzana
B.P. 65 NYABISINDU.

A traiter par DGJ
Date entrée: 31/01/85
N° Document: 1134/15.04

# U M W A K A  W A C U .

Sitwe rubyiruke,
Ruli mu Rwanda,
Ne mu mahanga
Turawuhuje,
Uw'igihumbi,
Magana acyenda,
Icumi umunani,
Inyuma gatanu
Uhaliwe twebwe
Ku isi yose;

Uhawe umwangavu,
Ugana ingimbi,
Uhawe uwize ,
Udasize uwanze.
Uhawe umwumgeli,
Ugana urwuli ,
Uhawe twese,
Tuli mu Rwanda,
Izina urubyiruke,
Likawutaha.

Wewe wamugaye,
Ukili muteya,
Ubuzima bwawe
Bukaguhegeza
Ubute bwawe,
Bugata amalira,
Ugatakamba,
Ukabura itetere,
Iminsi myinshi,
Igashira ushavuye,
Ishushe muntu ,
Igashanguka,
Ugashumgerwa ,
Ugahera ushebewe;
Iyizire shenge,
Shira amakenga,
Ushimishwe ,
N'uyu wacu.

Ngwino, ngwino,
Ngwino bwangu,
Dusabane ,
Dusabe Imana ,
Dusaranganye ,
Aya mahirwe .
Isano nyarwanda,
Turayitezwa ,
Umuco nyarwanda,
Niwo uturanga .
Mwana mwiza,
Mwali utuje,
Musore wumgilijwe,

.../...

N'uwiga,
Ufashe icyemezo,
Kurushinga,
Umugambi wawe,
Uragana urwawe,
Muli uyu mwaka,
Uhawe twebwe.

Reba iwacu,
Reba icumbi,
Reba ibyumba,
Reba iby'ubu,
Kanura amaso,
Urebe isambu,
Ntusigembe,
Ugaruke iwacu,
Muli Segiteri,
Idusanganya;
Urebe ubuse,
Ubare abasiza,
Babuze akalima,
Munsi yabo.
Mwira insinzi,
Y'ibi bintu,
Mu myaka itaha,
Nyuma y'uwacu ?

Nitwe tubyirwa,
Nitwe bireba,
Si abasaza,
Ubu bararenga.
Ntahe ukinzwe,
Ntahe uhejwe,
Mu Rwanda rwacu,
Ihere ijisho.
Turarutuye,
Rukatubumba.
Rukatuneza,
Rukaduhaza.
Tuliyengera,
Rugatakamba,
Rufite ubweba,
Ke turusaga,
Tukarurenga,
Tugana ahandi,
Tujya gushaka,
Inshuti idashaka,
Isali idusindisha,
Tutamyeye.

Rubyiruke,
Ibye kubyara,
Bye ntibitinda,
Ibye kudutunga
Ni bye bigeye.
Ke mbona ruterа,
Intambwe ndende,
Intara nyinshi,
Inzara izitsemba,
Icyago nk'iki,
Kiliza benshi,
Inganze yacye,
Iturutse ahaga,
Umugambi wacu,
Ubaye uwuhe,
Muli uyu mwaka,
Uhaliwe twebwe ?

Rubyiruke,
Bufite uburere,
Dufite abarezi,
Baradukunda,
Bakatugenera.
Baradutaka,
Baratumeza.
Umwaka mk'uyu,
Ntuturenze.
Ntituwuhawe,
Nge tube abera,
Tuli abirabura,
Nyarwanda.
Ntituwuhawe,
Nge tube ibyubi,
Ibisambu,
Byugalije amarembe.
Kuba imtakereka,
Sibye tubwiwe,
Imkerabusa,
Ntizikarangwe.
Turawuhawe,
Nge tuwubyaze,
Ibyiza byimshi,
Bizira ibyambu.
Turawuhawe,
Nge twishime.

Rubyiruke,
Muvema yacu,
Yaratubumbye,
Iduha imtege,
Idushyize heza.
Iduha intege
Idusanganya,
Iratumeza,
Inyura abagenzi,
Ubumwe ,
Bubumba,
Imbaga nyamwinshi,
Igashisheza,
Umuti w'urwacu.
Amahere,
Aduhaza,
Mubye dutumze,
Bikatumeza,
Bitali byimshi.
Amajyambere,
Afatwa natwe,
Turajijuka,
Binyura benshi.

Rubyiruke,
Mbega Imana,
Ikunda u Rwanda,
Mbega impame,
Y'ubushishezi,
Mbega impamba,
Y'Abanyarwanda,
Mbega ibyiza,
Byeze iwacu;
Intege y'uyu,
Ihuye n'iyi !

.../...

Dore ubufatanye.
Ntibusaba icumbi,
Bwaratuye,
Iwacu i Rwanda,
Buraturanga.
Tuli ab'umwe,
Tulibumbye,
Ntituba inkehe,
Inyuma y'inkingi.
Amashyirahamwe,
Aashyize heza.
Dore ubuhinzi,
Umwuga wawe.
Umwuga wacu,
Wa kinyarwanda,
Mu mashyirahamwe,
Ukerwa na benshi.

U Rwanda rwacu,
Ruremye neza,
Rufite imisozi,
Rufite ibibaya,
Amashyirahamwe,
Ahashyize ibikerwa.
Imisozi ituwe,
Iteretse imbwija,
Iz'inyabutenge,
Zimeze neza;
Isogi ibisusa
Turabihinga,
Mu mashyirahamwe,
Ntitwatangwa,
Ke zaautunze,
Tuli abana,
Zikatulinda,
Indwara nyinshi.
Iza kizungu,
Ntiziturenga,
Zigana ibibaya,
Bizira kuma.
Ibereke uhure,
N'ilye hehe.
Ihere ijishe,
Amashu, kareti,
Imvange nyinshi,
Ni ku mirenge.
Zizize ikibaya,
Kinyuze twese.

Rubyiruke,
Ni iza kizungu,
Zikaba izacu.
Kuzilya twese,
Ubu turabizi,
Ziranalyeshye,
Zinyuze ilyinye.
Muli uyu wacu,
Ni zengerwe.
Ku mwitere,
Ntitwamwarwa.
Dufite amatunge,
Atanga byiza.
Amata araterekwa
Akabura abayamwa,
Kubera ubwinshi,
Inka atali nyinshi.

Turazigabanya,
Zikaba nziza.
Ahe kuba imyite,
Isebya abashumba.
Mu mashyirahamwe,
Zifashwe neza.

Ihene, intama,
Inkoko n'ingurube,
Turazitunze,
Zikadutunga.
Ng'iyi ifumbire,
Ifata ubutaka.
Ifubika imyaka,
Ikera neza.
Iliyengera,
Mfura Z'u Rwanda !
Muli uyu wacu,
Ibaye intege.
Dore isakoshi,
Iserutsa umwali,
Dore iye mkweto,
Inyuze ikirenge,
Bikozwe mu mpu,
Z'ime i wacu.
Bikorwa na bamwe,
Mu banyarwanda,
Ne mu rubyiruko,
Umubare urashyitse;
Mu mashyirahamwe
Inyungu igataha.

Rubyiruko,
Imyuga iwacu,
Ibaye myinshi,
Abanyamahanga,
Ntibagihurura,
Kutwigisha,
Gusana ibyacu.
Amazu arashingwa,
Ayebewe na twe,
Ibisakazwa,
Bikorwa natwe.
Imitegure,
Iturutse i Rwanda,
Mu mashyirahamwe,
Hakorwa byiza.
Intebe, ibitanda,
Amashushe meza,
Bihuruza benshi,
Bakabishima.
Bihuza benshi,
Bakabirata.
Umurare mwiza,
Uraye i wacu,
Kaza umurege,
Byiyengere.

Rubyiruko,
Ibikorwa nk'ibye,
Byitwa ilihe ?
Wilishaka,
Ugifite impumu,
Ng'ili ng'ili,
Ubu nualibonye.
Ni amajyambere;
Ageze i wacu !
Uwe tuyakesha,
Mwise amahere.

Amahoro,
Ahinda,
Umuco nyarwanda,
Amahoro,
Ahumuliza abashaje,
Abato bahuliye,
Ku kaiho.
A mahoro,
Ahungabanya,
Amahane,
Amahemvu yose,
Agahambira.
Amahoro i wacu,
Niyo aturanga,
Niyo dukesha,
N'iyi ntambwe,
Niyo idutera,
Umunezero.
Niyo aturanga,
Impande zose,
Niyo dukesha,
N'uyu wacu.
Mugire amahoro,
Indamutso yacu.
Murayaherane,
Iminsi yose.